
REPUBULIKA Y'U RWANDA
SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE
RAPORO KU ISHYIRWA MU BIKORWA
RY'IMYANZURO Y'INAMA YA KABIRI
Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO
Ukuboza 2005

REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

RAPORO KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA YA KABIRI Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

Ukuboza 2005

MAYOBORERE MVIZA UBUKUNGU N'ITERAMBERE
KIBIMURURA MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO
21 22 UKUBOZA 2004

RAPORO KU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IMYANZURO Y'INAMA YA KABIRI Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

Kigali ku wa 21- 22 Ukuboza 2004

1. IMIYOBORERE N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE	
1.1 UBUTEGETSI BW'IGIHUGU	
Umwanzuro	**Icyakozwe**
1 Gushimangira no kubaha imikorere n'imikoranire myiza mu nzego zinyuranye z'Igihugu (Leta, Abikorera ku giti cyabo, Sosiyete Sivile),	Mu rwego rwo kunoza imikoranire ya Leta n'abikorera ku giti cyabo na sosiyete sivile, habaye ibiganiro binyuranye mu Gihugu. Urugero ni inama yahuje Nyakubahwa Perezida wa Repubulika

	kuko intego yabo ari imwe : ni inyungu z'Abaturarwanda.	n'abikorera ku giti cyabo i Butare mu rwego rw'ubufatanye mu by'ubukungu hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo, n'indi yamuhuje n'abashumba ba Kiliziya Gatolika. Hari n'inama ya komite ngishwanama y'ubufatanye mu by'ubukungu hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo yayobowe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe. Habaye n'inama zinyuranye zihuza inzego za Leta, abikorera ku giti cyabo na sosiyete sivile, hagamijwe kunoza imikoranire yabo.
2.	Kunoza imikoranire y' inzego n'imikoreshereze y'umutungo; haka baho ubufatanye hagati ya Leta,	Hakozwe inyigo yo guhuza ibikorwa byose by'imishinga ifite uruhare mu gushyira mu bikorwa gahunda y'Igihugu yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi.

	abikorera ku giti cyabo, CDF, UBUDEHE, abaterankunga, imishinga ya Leta n'ibindi.	Habaye inama zinyuranye zahuje abafite uruhare mu micungire y'umutungo (MINECOFIN, MINALOC, RRA, Auditeur Général). Hakorwa ubugenzuzi ku micungire y'umutungo mu nzego zose za Leta hagamijwe gukosora ibidakorwa neza.
3	Guharanira no gukorera mu kuri ; Abayobozi bakaba intangarugero, bagakoresha ukuri mu mirimo bashinzwe, bagatanga ubuhamya muri Gacaca no mu nzego z'Abunzi.	Abayobozi ku nzego zose bitabiriye gutanga ubuhamya mu nkiko Gacaca no gufasha inzego z'abunzi gukora neza. Mu rwego rwo gukorera mu kuri, MINALOC yatangije gahunda ya buri gihembwe aho abayobozi ba Minisiteri, ab'Intara n'Uturere basobanurira abaturage icyo bakora (Public Accountability Day). Inama y'Abaminisitiri yemeje kandi Itegeko Ngenga rigena imyitwarire y'abayobozi mu nzego zose za Leta (code of conduct/ code de conduite).
4	Kurwanya «bureaucratie », ikimenyane, ruswa no kutizerana ; hagatezwa imbere ubuyobozi bushingiye ku mategeko, ku bushobozi	Hashyizweho uburyo bw'isuzumabushobozi ku bakozi bose ba Leta bishingiye ku bikorwa bya buri mukozi. Hashyizweho n'Iteka rya Perezida wa Repubulika rigena uburyo akazi

	n' ubushake bwo kwita kuri bose ntawe urenganyijwe kandi abaturage bakagira uruhare mu gufata ibyemezo bibabereye.	gatangwa. Hakozwe ibiganiro kuri ruswa ndetse n'ibikorwa byo kuyirwanya ku nzego zose z'ubuyobozi. Mu rwego rwo kurwanya "bureaucratie", Ubuyobozi ndetse n'izindi serivisi za Leta bikomeje kwegerezwa abaturage. Ubutegetsi bw'Igihugu bwaravuguruwe hagamijwe guha umuturage serivisi nziza kandi vuba n'uruhare rusesuye mu gufata ibyemezo bimureba. Hashyizweho "One Stop Center /Guichet Unique" ikorera muri RIEPA yo korohereza abashoramari kubona ibyangombwa byose bikenerwa mu mirimo yabo yo gushora imari bitabagoye. Uburyo bwo gutanga amasoko ya Leta bwaravuguruwe hagamijwe kurwanya ruswa, gusesa umutungo wa Leta na "bureaucratie".
5	Abayobozi basabwe kujya bafata ibyemezo bifitiye Igihugu inyungu, kabone n'iyo haba hari abo bidashimishije. Basabwe kandi no kurangiza inshingano zabo aho	Hafashwe ingamba ko abayobozi bose bafata ibyemezo bifitiye Igihugu akamaro, utabikoze akabihanirwa ndetse akaba yavanwa ku kazi bibaye ngombwa.

	gukorera ijisho.	
6	Kuboneza igenamigambi (planning) mu bikorwa byose, hakajyaho uburyo buzwi bukurikizwa mu kugenzura no gusuzuma ibikorwa (Monitoring and Evaluation) .	Abayobozi bashinzwe igenamigambi ku nzego zose z'Igihugu barahuguwe kandi bizakomeza. Inama y'Abaminisitiri yemeje uburyo bwo kugenzura no gusuzuma ibikorwa, ingengo y'imari ikoreshwa n'umusaruro bitanga (budget orienté vers les résultats / results oriented budgeting). Hashyizweho ikigo cy'Ibarurishamibare (Statistiques).
7	Gushyira ingufu mu bikorwa byo kumenyekanisha, kwigisha no kubahiriza imigambi y'amajyambere n'Amategeko.	Leta yafashe ingamba z'uburyo izajya imenyekanisha gahunda na politiki byayo ndetse n'Amategeko. Mu nama za buri kwezi zihuza abayobozi b'Intara n'Umujyi wa Kigali, Abaminisitiri batumirwamo. Mu nama ziba buri gihembwe zihuza abayobozi b'Uturere n'Imijyi no mu nama z'Utugari za buri kwezi, gahunda za Leta ziganirwaho. Minisiteri zitandukanye zikora ibiganiro kuri radio na televiziyo n'ibiganiro mbwirwaruhame. Abayobozi banyuranye bakora ingendo mu Ntara no mu Turere. Ibyo byose bigamije

		gusobanura gahunda za Leta. Igazeti ya Leta yashyizwe kuri website ya PRIMATURE ku buryo abayishaka bose bayisoma. Uhereye kandi umwaka utaha wa 2006, buri nomero y'Igazeti ya Leta izajya iboneka ku buntu kugera ku Mirenge.
8	Inama z'Utugari zigomba gutegurwa neza zigafasha kwihutisha gahunda ya Guverinoma yo gutsura amajyambere.	Inama z'Utugari zahujwe n'umunsi w'umuganda wa buri wa gatandatu wa nyuma w'ukwezi. Ingingo ziganirwaho akenshi zitegurwa mbere zikamenyekanishwa mu baturage kandi zikaganirwaho mu Tugari twose mu Gihugu.
1.2 UBUREZI		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
9	Gushimangira, kwigisha mu mashuri no mu nzego zinyuranye uburere mboneragihugu (Civics /éducation civique)	Hateguwe integanyanyigisho n'imfashanyigisho mu mashuri abanza n'ayisumbuye. Hakozwe amahugurwa anyuranye yabereye muri RIAM, mu Ntara zose n'Umujyi wa Kigali aho abantu bahuguwe ku bijyanye n'uburere mboneragihugu.

10	Kunoza no kwihutisha ingamba zo gushyiraho "Service National / National Service" igamije gutoza Abanyarwanda imico myiza: gukunda Igihugu, gukunda umurimo, guhuza ingufu no gukorera hamwe.	Inyandiko y'Umushinga wa Politiki y'Itorero ry'Igihugu (National Service/ Service National) warateguwe ukaba uzasuzumwa n'Inama y'Abaminisitiri.
11	Gushimangira uburezi no kwita by'umwihariko ku barezi mu mibereho yabo, no gufasha abikorera ku giti cyabo gushora imari mu burezi.	Mu rwego rwo gushimangira uburezi, amashuri ya TTC (Teachers Training Center) n'Ishuri Rikuru Nderabarezi (KIE) byahawe imbaraga kugira ngo umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi ubashe kwiyongera. Hahuguwe kandi abantu bagera kuri 220 mu Gihugu hose bo kwigisha gusoma, kwandika no kubara muri gahunda ya Leta yo kurwanya ubujiji. Mu rwego rwo kwita ku barezi, hatangijwe gahunda zihamye zo guteza imbere imibereho y'abarimu harimo gushyiraho koperative y'abarimu bazaterwamo inkunga na Leta, gushyiraho sitati yihariye y'abarimu n'ishyirahamwe ry'abakozi b'amashuri yisumbuye. Imishahara y'abarimu nayo

		iziyongera mu rwego rw'ivugurura rusange ry'imishahara y'abakozi ba Leta. Umushinga wa MAP wemeye gufasha abarimu mu rwego rwo kwipimisha SIDA ku bushake ndetse no kureba uko abanduye bafashwa. Ubu kandi harategurwa Itegeko ryo korohereza abikorera ku giti cyabo gushora imari mu burezi.
12	Gutegura vuba igitabo cyerekana amateka y'ukuri y'Igihugu, agatangira kwigishwa abanyarwanda muri rusange no mu mashuri by' umwihariko.	Abarimu bo muri Kaminuza y'u Rwanda bakoze ubushakashatsi kuri jenoside no ku mateka y'u Rwanda kugira ngo havugwe rumwe kuri iyi ngingo. Ubu hamaze kwandikwa igitabo cy'ifatizo (livre ressource) mu gifaransa no mu cyongereza. Hasigaye ko hategurwa integanyanyigisho y'amateka ku nzego zinyuranye.
13	Kwigisha no gukangurira abanyarwanda umuco wo gusoma no guhaha ubwenge.	Mu mashuri yose hamaze gukwirakwiza ibitabo byo gusoma mu kinyarwanda, igifaransa n'icyongereza. Rotary Club irubaka isomero ryo mu rwego rw'Igihugu rizafasha abanyarwanda b'ingeri zose kwitabira umuco wo gusoma, muri icyo

		gikorwa Leta yatanze inkunga y'ikibanza n'amafranga angana n'amadolari y'Abanyamerika 500,000. Mu rwego rw'ikoranabuhanga, hamaze gukwirakwizwa ibikoresho n'ibikorwa bya ICT mu mashuri menshi. Ingengo y'imari mu gikorwa cyo gusoma, kubara no kwandika yariyongereye cyane iva kuri 29, 106, 360 Frw muri 2004 igera kuri 668, 444, 459 Frw mu mwaka wa 2005.
1.3 UBUZIMA		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
14	Gushimangira "mutuelles de santé" n'umuco w'ubwisungane mu guharanira ubuzima bw'abanyarwanda kandi izo "mutuelles de santé" zikagengwa n'Amategeko.	Umushinga w'Itegeko rigena imiterere n'imikorere ya "mutuelles de santé" washyikirijwe Intcko Ishinga Amategeko. Iri Tegeko riteganya uburyo bwo gukorera kuva mu Mudugudu kugeza ku rwego rw'Igihugu. Mu Ukwakira 2005, abari bamaze kwitabira izi "mutuelles de santé" bageze kuri 45% ku rwego rw'Igihugu.

1.4 UMUCO		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
15	Guteza imbere ururimi, umuco wa kinyarwanda, umuco wo gutabarana, uwo kugira impuhwe n'urukundo.	Hateguwe imishinga y'Amategeko ashyiraho inzego zishinzwe guteza imbere ikinyarwanda, umuco wa kinyarwanda no kwibuka umuco wo gutabarana, w'impuhwe n'urukundo. Izo nzego ni Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umuco, Urwego rw'Igihugu rw'Intwari z'Igihugu n'Imidari y'Ishimwe na Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside. Ubu harategurwa Itegeko rivuguruye rigenga Ingoro Ndangamurage y'u Rwanda. Abanyarwanda kandi bakomeje gukangurirwa kwita ku muco mwiza wo kubana mu mahoro, gutabarana, ubworoherane no kugira impuhwe n'urukundo. Leta y'u Rwanda yateye inkunga ibihugu bya Djibouti na Leta Zunze Ubumwe za Amerika byari byagize ibibazo by'inzara n'imyuzure.

1.5 UMUTEKANO		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
16	Kwitabira ibikorwa byo gufasha Igihugu kubungabunga umutekano.	Ingabo z'Igihugu zikomeje kurinda ubusugire bw'Igihugu. Leta yihatiye kurwanya iterabwoba, ihohoterwa iryo ariryo ryose cyane cyane irikorerwa abana n'abagore, ubujura cyane cyane bukoresheje intwaro no guca ubuzererezi bw'abana n'indaya. Harategurwa Itegeko rishyiraho ikigo cya Leta cyo kurwanya inkongi z'umuriro. Inzego z'umutekano zikomeje imirimo yo gukumira ibiyobyabwenge n'ibindi byaha, aho bigaragaye bigakurikiranwa vuba kandi bigafatirwa ibihano. Gahunda zo kwigisha abaturage kwicungira umutekano, ubukangurambaga no kwirinda impanuka zo mu mihanda zitaweho.

2. UBUKUNGU N'ITERAMBERE		
2.1 UBUKUNGU		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
17	Kwimakaza umuco w'ubufatanye, wo gushyigikirana mu byiza, wo kutarangwa n'imico n'ibikorwa by'amashyari asenya abandi agahungabanya n' ingufu z'Igihugu.	Uyu mwaka Leta yashyize ingufu mu gushishikariza abanyarwanda kwishyira hamwe mu makoperative. Hashyizweho itsinda (task force) ryo kwiga uburyo amakoperative yo mu Rwanda yavugururwa kandi agatera imbere. Habaye ingendo-shuri n'amahugurwa kandi bizakomeza. Abakozi ba Leta n'abikorera ku giti cyabo nabo bakanguriwe kwishyira hamwe mu makoperative yo kuzigama no kugurizanya (SACCOs / COOPEC). Abanyarwanda bakanguriwe kwitabira Umuganda mu rwego rwo guhuza ingufu zabo bwite mbere ya byose no kwibumbira mu mashyirahamwe.
18	Kuvugurura imikorere y'amabanki no	Hakozwe byinshi mu rwego rw'imivugururire

	kwiga uko kubona inguzanyo byakoroshywa kandi kwishyura bigahabwa igihe kirekire.	y'amabanki. Serivisi za Banki Nkuru y'Igihugu zafunguwe i Butare, mu Ruhengeri, no mu minsi mike i Rwamagana. Imigabane ya Leta muri BCR na BACAR yeguriwe abikorera ku giti cyabo. "Caisse Hypothécaire du Rwanda" yahindutse "Banque de l'Habitat du Rwanda". Hashyizweho amabwiriza agamije kugena imikorere y'ibigo by'imari iciriritse (Institutions de Microfinance). Amabanki yavuguruye uburyo bwo gutanga inguzanyo bitagoye. Inyungu ku nguzanyo zaragabanutse muri banki zimwe nka Banki y'Abaturage n'izindi Banki ku bashora imari mu by'ubuhinzi n'ubworozi. Hatangijwe imirimo yo kuvugurura ikigega cy'ingwate cyagenewe abanyarwandakazi kugira ngo bashobore kugera ku nguzanyo ari benshi.
19	Kongera ubumenyi, ishoramari n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi n'indi mirimo idashingiye ku buhinzi.	**Ku birebana n'Ubuhinzi n'Ubworozi n'indi myuga:** Leta yakoresheje imurika ry'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi (agricultural show) rizajya riba buri mwaka.

		Hashyizweho kandi uburyo bwo guteza imbere ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi no gufasha kubona inyongeramusaruro. Hashyizweho uburyo bwo gufasha ishoramari mu cyaro (RIF: Rural Infrastructure Facilities) binyuze mu mushinga RSSP (Rural Sector Support Project). Ubu hamaze guterwa inkunga imishinga 1.296 ihwanye n'amafaranga 3.284.323.570 Frw. Hashyizweho ingwate mu buhinzi (Facilité de garantie agricole). Hashyizweho ibigo byo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi n'ikigo cyo gusuzuma ubwiza bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi ari byo RADA, RARDA na RAAQC; ikigo cya ISAR nacyo cyaravuguruwe. Kongerera ibicuruzwa agaciro (value addition / valeur ajoutée) byagizwe intego kandi bishishikarizwa abanyenganda n'abandi bacuruzi. Urugero ni abacukura amabuye y'agaciro, abahinzi n'abacuruza kawa n'icyayi, abacuruza impu n'abandi. Kawa y'u Rwanda yakomeje kongera ubwiza

		ku masoko mpuzamahanga ku buryo n'uyu mwaka koperative y'abahinzi b'ikawa ya Maraba yabonye igihembo ku rwego rw'isi kubera ubwiza bw'ikawa yabo. Inganda z'ikawa zariyongereye ziva kuri 20 mu mwaka ushize wa 2004 ubu zigeze kuri 46. Umwaka utaha wa 2006 hateganijwe ko ziziyongera kugera kuri 80. Hatangijwe inyigo ya "Free Economic Zone/Zone Economique Franche" ubu igeze mu cyiciro cyo kurangira kuburyo umwaka utaha wa 2006 ibyavuyemo byashyirwa mu bikorwa. Abanyabukorikori barahuguwe kandi bafashwa gushyiraho impuzamashyirahamwe yabo. Ibigo by'ubukorikori byashyizweho hirya no hino mu Gihugu. Abanyarwanda bitabiriye imurikagurisha ry'ubukorikori ryitwa "Juakali" ry'ibihugu by'Afrika y'iburasirazuba, ryabereye muri Uganda, babona umwanya wa mbere. Juakali y'umwaka utaha wa 2006 iteganijwe kubera mu Rwanda.

20	Gufasha abikorera ku giti cyabo kunguka ubumenyi no gutegura urubyiruko ruri mu mashuri kuzakoresha ubumenyi bwabo mu kwihangira imirimo no kuvugurura inzego z'abikorera ku giti cyabo.	Hatangijwe umushinga wo kongera ubushobozi (Capacity building /Renforcement des Capacités). Mu mashuri y'imyuga (ETO na za CFJ) haratangwa amasomo ajyanye no kwihangira imirimo (entrepreneurship). Ubu harigwa uburyo urubyiruko rwafashwa kwihangira imirimo cyane cyane hifashishijwe umushinga wa PPPMER (Projet de Promotion de Petites et Moyennes Entreprises Rurales). Abikorera ku giti cyabo bafashijwe kujya mu mamurikagurisha mpuzamahanga nka Japan, Senegal, Kenya, Germany, US n'ahandi kugira ngo bongere ubumenyi bwabo.

2.2 UBUKERARUGENDO

Umwanzuro		**Icyakozwe**
21	Kugaragaza no kwamamaza ibyiza by'u Rwanda kugira ngo n'abanyarwanda babimenye kandi babikunde .	Abanyarwanda n'abanyamahanga bashishikarijwe kwitabira ubukerarugendo hakoreshejwe uburyo bunyuranye burimo

		amamurikagurisha mu bihugu byo hanze, ibiganiro n'amaradiyo n'ibinyamakuru bikomeye byo mu bihugu by'amahanga n'andi maradiyo yo mu Rwanda. Hatangijwe ubukerarugendo bwo gusura Umujyi wa Kigali, abanyarwanda n'abanyamahanga bagera kuri 494 bakaba barabyitabiriye uyu mwaka. Site y'Urukari i Nyanza yaravuguruwe. Hatangijwe gahunda yo gutembereza abana bo mu mashuri mato n'ayisumbuye muri za Pariki z'Igihugu. Ubu abanyeshuri 831 bakaba bamaze kwitabira iyi gahunda yatangijwe mu Ukwakira uyu mwaka.
2.3 INGUFU		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
22	Mu guhagurukira gushaka ibisubizo binyuranye ku kibazo cy'ingufu z'amashanyarazi cyabaye ingorabahizi mu majyambere, Leta igomba	Leta y' u Rwanda yasinyanye na sosiyete AGREKKO amasezerano yo gutanga 10MW (Rental Power). Izi 10MW zatangiye kuboneka kuva kuwa 15/11/2005.

	gufatanya n'abikorera ku igiti cyabo n'abaterankunga.	Sosiyete yitwa Dane Associates Ltd nayo yagiranye amasezerano na Leta y'u Rwanda yo gukura "Gaz Méthane" mu Kivu. Amashanyarazi akomoka kuri iyo "gaz" ateganijwe kuboneka mu kwezi kwa Mata 2007; Leta irakora uko ishoboye kose kugira ngo iyo ngengabihe izubahirizwe. Umushinga wa UERP (Urgent Electricity Rehabilitation Project) urateganya kubona 12MW umwaka utaha wa 2006. Inyigo yo kureba uko umugezi wa Rukarara wabyazwa umuriro w'amashanyarazi irakorwa na sosiyete yitwa ECOPOWER. Inyigo irambuye ikaba izaboneka umwaka utaha wa 2006. Mu rwego rw'ubufatanye n'ibihugu duturanye, hateganijwe kubakwa urugomero rw'amashanyarazi ku Rusumo rushobora gutangira gutanga ingufu mu mwaka wa 2011.
2.4 IBIDUKIKIJE N'UMUTUNGO KAMERE		
Umwanzuro		**Icyakozwe**
23	Kunoza ingamba no gushyira imbaraga	**Ibidukikije**

	mu bikorwa byo kurengera no kubungabunga ibidukikije (ubutaka, amazi, amashyamba...)	Itegeko Ngenga N° 04/2005 ryo ku wa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda ryaratowe risohoka no mu Igazeti ya Leta. Ubu ryasobanuriwe abayobozi b'inzego z'ibanze bo mu Ntara zose bashishikarizwa kuryubahiriza. Hubatswe amashyiga akoresha "biogaz" muri za gereza asimbura inkwi. Ingabo z'Igihugu zafashije mu guhugura abaturage no gukwirakwiza amashyiga azigama inkwi. Igishanga cya Rugezi – Burera – Ruhondo cyashyizwe kuri Site ya RAMSAR gifatwa nk'ahantu hahehereye hafite akamaro mpuzamahanga. Harakorwa inyigo ku nganda n'izindi nyubako mu gishanga cya Gikondo no ku muhanda wa "poids lourds" kugira ngo hagaragazwe ingamba zafatwa zigamije kugabanya ubukana bwo kwangiza icyo gishanga (ecological and social economic studies).

		Ubutaka Itegeko Ngenga N° 18 ryo ku wa 15 Nzeri 2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda ryaratowe risohoka mu Igazeti ya Repubulika y'u Rwanda. Inama y'Abaminisitiri yemeje umushinga w'Itegeko rivugurura Itegeko ryerekeye kwimura abantu kubera imirimo ifitiye Igihugu akamaro. Hateguwe Umushinga w' Itegeko rishyiraho urwego rw'ababaruramutungo w'ubutaka n'ibiburiho (Loi régissant les évaluateurs/experts fonciers et immobiliers/ Land and Real Estate valuation law). Hatanzwe amabwiriza yo gutanga ubutaka buri mu mutungo wa Leta. Ibikorwa bijyanye no kurwanya isuri n'ubutayu byashyizwemo ingufu. **Amashyamba** Muri uyu mwaka wa 2005 hateguwe ingemwe zigera kuri 50.000.000 mu Ntara n'Umujyi wa Kigali kandi haterwa n'ibiti byinshi hirya no

		hino mu Gihugu hose. Hatangiye gukorwa amakarita y'amashyamba no kubarura umutungo w'amashyamba hakoreshejwe GIS (Geoagraphic Information System / Système d'Information Géographique) kugira ngo hategurwe gahunda y'imicungire y'amashyamba mu gihe kirekire. Hakozwe inama nyinshi zo kubuza abaturage kwangiza amashyamba, kubakangurira akamaro kayo no gusobanura Itegeko rigenga ibyerekeye amashyamba. Hatanzwe n'ibiganiro kuri radiyo na televisiyo. **Amazi n'isukura** Mu rwego rwo kubahiriza amabwiriza arebana n'imicungire y'ibishanga, ibiyaga n'imigezi, ubutaka buri kuri metero zagenwe n'Amategeko uvuye ku nkombe bwatangiye guterwaho ubwatsi n'ibiti hagamijwe kurinda uwo mutungo kamere. Leta ifatanije n'umuryango utegamiye kuri Leta RRWHA (Rwanda Rain Water Harvesting Association) yatangije igikorwa cyo

		gukangurira abaturage gutega amazi y'imvura no kububakira ibigega byo kuyabika. Hatangijwe igikorwa cyo kurwanya amarebe mu biyaga byinshi by'u Rwanda, Leta ikaba yaratumije amato yo gufasha muri iki gikorwa. **Mine** Hemejwe ko uhawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro na kariyeri agomba gusubiranya ikirombe akahatera ibiti n'ibyatsi bifata ubutaka.

Byandikiwe mu icapiro
rya ORINFOR